Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Nyakanga / Juli 2020 *Ikinyarwanda*

Ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza igihe isi izashirira!

(Mt 28,20)

Tera umwete!
Encourage!

Nshuti bakunzi b‘ijambo,

Yamwegereye ashidikanya kandi ajijinganya. Umuhungu, yari umunyeshuri muri kaminuza, bigaragara ko afite inkomoko mu gihugu cy’amahanga, umukobwa we, yari yarabaye umuturage w’uwo mugi yigagamo kuko yari ahamaze igihe kinini. Uwo muhungu rero, hari aderese yashakaga, ni uko yegera uwo mukobwa amubaza niba yamufasha kuyibona. Uwo mukobwa na we ntiyari azi aho iyo aderesi ihererye ariko ahera ko akura telefoni mu mufuka atangira gushakisha kuri murandasi. Yahise ayibona byihuse. Ni ako afata agapapuro yandikaho iyo aderesi ayihereza uwo musore, wageragezaga kuvuga icyongereza gike. Ashima cyane ndetse yakozwe ku mutima n’ubwo bufasha ahawe, wa musore yakira ako gapapuro ni uko abwira wa mukobwa ati: “kuva nagera hano nta muntu n'umwe muri iki gihugu wigeze ampa umwanya munini n'ubufasha bufatika nk’ubwo umpaye muri aka kanya”.

Gufasha umuntu kumva ko: atari wenyine! Iyi ni yo nzira ya Yezu. “Nihagira ugahatira gutera intambwe igihumbi, muterane ibihumbi bibiri!” ni ko Yezu yabwiye inshuti ze. Niba rero hari umuntu utari uzi inzira, mujyane umugeze aho yifuza kugera. Nyuma y’izuka, igihe Yezu yasubiraga kwa Se, yumvise ko abigishwa be bazakomeza kumukenera kurushaho. Ni ko kubagirira iri sezerano ry’ubuziraherezo: “Dore ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza igihe isi izashirira!” (Mt 28,20)

Ku itariki ya 27 werurwe 2020, Papa Fransisiko, ubwo yari ku mbuga ya Petero i Roma, itararangwagaho umuntu n’umwe, yaravuze ati: “Mu mibanire y’abantu, mu miryango yacu, nta kibabaza nk’iyo umuntu abajije undi ati: “Ntacyo mvuze imbere yawe?” Iri ni ijambo ritubabaza cyane iyo turyumvise. Kumva ko ufite agaciro, ko utari wenyine, bitanga icyizere n’amahoro.

Mureke hoye kugira usigara wenyine! Dufashe mugenzi wacu mu byo akeneye nonaha! – **Tera umwete! Encourage!**

Ku bw’itsinda go4peace Meinolf Wacker